# 192: Mwam'ujy' imbere mu nzira yacu.

1. Mwam'ujy' imbere mu nzira yacu. Tur' abana baw' uduhe Kugukurikir' iteka, Utuyobore, tujye kwa Data.

2. Mu ngeso zacu no mu mirimo, Iby' ushaka ko dukora Mu rugendo rw'i Siyoni, Utubashishe kubisohoza.

3. Ni haz' igiter' uturengere ! Ni tubon' iminsi mibi, Tube twihanganye cyane, Mu nzira yawe, ni ko bigenda.

4. Ni tubabazwa n'ibidutera,Udukomeze, tubashe Kubabarir' abatwanga; Tukwiringiye, bizanesheka.

5. Naho habaho ikintu cyose Kidukurahw amahoro Ngo duterwe n'ubukonje Tuzacyihana, tuger' i wawe.

6. Duhishurire ibyo mw ijuru, Amasezerano yawe Ab' impamba y'ubugingo; Maze hanyuma, tuger' i Wawe.

7. Uru rugendo urutunganye ! Kand' uduh' Umwuka Wera Ngw'ab' impamba y'ubugingo, Utugezeyo, twishim' iteka.

8. Udushorere hose tugenda; Ni tunanirwa mu nzira, Uduhembure, Mukiza, Ubwo tuzapfa, tuzajy’ i Wawe.

Visit us at burundi.indirimbo.com